ISHYIRAHAMWE RY'ABARI N'ABATEGARUGORI B'IMPUNZI Z'ABANYARWANDA ''AFERWAR-DUTERIMBERE''

IRIBURIRO

IMPAMVU ISHYIRAHAMWE RYASHINZWE

Twebwe abari n'abategarugori b'impunzi z'abanyarwanda bari mu migabane inyuranye y'isi:

- Tumaze kubona ibibazo bikomereye impunzi z'abanyarwanda muri rusange cyane cyane abari n'abategarugori;
- Tumaze kubona ko ubwigunge butumereye nabi ibyo bizatuma tudashobora guhuza no kumvikanisha ibitekerezo byacu;
- Tumaze kubona ko umuco nyarwanda ugenda utakara by'umwihariko ku bari n'abategarugori;
- Tumaze kubona ihohoterwa rikorerwa abari n'abategarugori mu gihe k'intambara n'ingaruka mbi zaryo;
- Tumaze kubona ko imbaraga n'ubushake bya buri wese bigomba gushyirwa hamwe kugira ngo dushobore kwikura mu bibazo turimo no kwiteza imbere;

Twiyemeje ibi bikurikira:

I. IMITERERE RUSANGE

Ingingo ya 1:

Ishingwa n'izina by'ishyirahamwe (De la création et de la dénomination de l'association)

Hashinzwe ishyirahamwe ryitwa "Ishyirahamwe ry'abari n'abategarugori b'impunzi z'abanyarwanda-Duterimbere" ry'abategarugori n'abari bari mu migabane inyuranye y'isi. Mu rurimi rw'igifaransa ryitwa " Association des Femmes Rwandaises Réfugiées-DUTERIMBERE" Mu magambo ahinnye "AFERWAR-DUTERIMBERE"

Ingingo ya 2:

Ubwoko bw'ishyirahamwe (du type)

AFERWAR-DUTERIMBERE ni ishyirahamwe ridaharanira inyungu. Mururimi rw'igifaransa "Association sans but rucratif " Mumagambo ahinnye ASBL.

Ingingo ya 3:

Icyo ishyirahamwe rigamije (des objectifs)
AFERWAR - DUTERIMBERE igamije ibi bikurikira :

1. Gufasha abahohoterwa mu gihe cy'intambara cyane cyane abari n'abategarugori kugira ngo bashobore kwiyakira mubuzima barimo.
2. Kurwanira uburenganzira bw'ikiremwa-muntu, by'umwihariko guharanira uburenganzira bw'abari n'abategarugori.
3. Kubumbatira no gucengeza umuco nyarwanda kugira go utazibagirana.
4. Kwihugura no kwiteza imbere mu ngeri zose no guharanira imibereho myiza y'umwari n'umutegarugori.
5. Kungurana inama mubijyanye n'ubuzima.

Ingingo ya 4:

Inzego ibikorwa by'ishyirahamwe bigaragariramo (Des domaines d'intervention)
a) Imibereho y'abaturage
- Uburezi
- Umuco
- Iyobokamana
b) Ubuzima
- Gufasha abagore batwite kwitabira inama z'abaganga kugirango bagabanye ingorane mu gihe cyo kubyara.
- Gushishikariza abategarugori n'abari ubufatanye mu kwivuza.
- Gushishikariza abategarugori kubyara abo bashoboye kurera.
c) Ubukungu
- Gushishikariza abari n'abategarugori imyuga inyuranye yabafasha gutera imbere.

- Gukangurira abari n'abategarugori kwihangira imishinga icyiriritse yabazanira inyungu.
- Gukangurira abari n'abategarugori umuco wo kuzigama no kudasesagura uduke bafite.

Ingingo ya 5:

Intego z'ishyirahamwe (De la devise).
Intego z'ishyirahamwe ni "UBUMWE - UBUFATANYE - ITERAMBERE"

Ingingo ya 6:

Ikiranga-ntego cy'ishyirahamwe (Des armoiries ou emblème)
Ikiranga-ntego cy'ishyirahamwe ni "Umutegarugore uteruye umwana". Ibisobanuro by'iki kiranga-ntego bizashyirwa mu mategeko y'umwihariko y'ishyirahamwe.

Ingingo ya 7:

Igihe ishyirahamwe rizamara (De la durée)
Ntagihe runaka ishyirahamwe riteganya kumara, rizabaho igihe cyose bizaba aringombwa.

Ingingo ya 8:

Icyicaro cya AFERWAR - DUTERIMBERE (Du siège)
Ishyirahamwe AFERWAR-DUTERIMBERE rikorera mu migabane inyuranye y'isi. Rifite icyicaro mu uburasirazuba bwa Congo. Icyo cyicaro gishobora kwimurirwa ahandi igihe cyose bibaye ngombwa.

II ABANYAMURYANGO BA AFERWAR - DUTERIMBERE

Ingingo ya 9:

Abanyamuryango ba AFERWAR - DUTERIMBERE barimo ibyiciro 3:

- Abanyamuryango shingiro
- Abanyamuryango basanzwe
-Abanyamuryango b'icyubahiro

Ingingo ya 10:

-Abanyamuryango shingiro :
Abanyamuryango shingiro ni amashyirahamwe cyangwa umuntu ku giti cye, bemeye gushyira umukono ku mategeko ngenga n'amabwiriza by' ishyirahamwe mbere y'uko rihabwa ubuzima gatozi. Bemezwa n'inama rusange.

Ingingo ya 11:

Abanyamuryango basanzwe:
Abanyamuryango basanzwe ni amashyirahamwe cyangwa umuntu ku giti cye, bemera gushyira mu bikorwa amategeko n'amabwiriza by'ishyirahamwe, nyuma y'aho rimariye gushingwa no guhabwa ubuzima gatozi. Bemezwa n'inama y'ubuyobozi.

Ingingo ya 12.

Abanyamuryango b'icyubahiro:
Abanyamuryango b'icyubahiro ni amashyirahamwe cg abantu ku giti cyabo baba mu burasira zuba bwa Congo n'ahandi bemera amategeko n'amabwiriza by'ishyirahamwe, bakiyemeza kuritera inkunga mubitekerezo cg mubikorwa bifatika. Abanyamuryango bemezwa n'inama y'ubuyobozi.

Ingingo ya 13:

Ibisabwa kugirango umuntu abe umunyamuryango:

A) Umunyamuryango shingiro n'umunyamuryango usanzwe
Ku munyamuryango shingiro no ku munyamuryango usanzwe, basabwa kuba ari

abanyarwandakazi b'impunzi bemera kandi bagakurikiza amategeko n'amabwiriza by'ishyirahamwe.

B) Umunyamuryango w'icyubahiro

Umunyamuryango w'icyubahiro asabwa kuba ari umunyarwandakazi cg umunyamahanga uwo ari we wese wemera amategeko n'amabwiriza by'ishyirahamwe

Ingingo ya 14:

Impamvu zituma uwari umunyamuryango areka kuba we:

- Iyo asezeye.
- Iyo apfuye.
- Iyo yirukanwe kubera impamvu zinyuranye byemejwe n'inama rusange.

Ingingo ya 15:

Uburenganzira, ibisabwa n'ibigomba kubahirizwa bigaragara mu mategeko y'umwihariko y'ishyirahamwe (ROI).

III INZEGO Z'ISHYIRAHAMWE N'IMIKORE YAZO

Ingingo ya 16:

Inzego z'ishyirahamwe ni izi:

- Inama rusange
- Inama y'ubuyobozi
- Inama y'ubugenzuzi

Ingingo ya 17:

Inama rusange:

Inama rusange nirwo rwego rukuru rw'ishyirahamwe.

Igizwe n'abanyamuryango bose, uretse abanyamuryango b'icyubahiro.
Abanyamuryango b'icyubahiro bashobora gutumirwa muri iyo nama ngo batange ibitekerezo byabo, ariko ntibagira uruhare mugufata ibyemezo.

Ingingo ya 18:

Inshingano z'inama rusange:
- Gusuzuma raporo z'inama y'ubuyobozi n'iz'inama y'ubugenzuzi.
- Kugena umutungo w' ishyirahamwe.
- Kwemeza no guhindura amategeko ngenga y'ishyirahamwe.
- Gushyiraho abagize izindi nzego z'ishyira hamwe hakoreshejwe amatora.
- Gusesa ishyirahamwe iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 19:

Inama rusange iterana rimwe mu mezi atandatu, n'igihe cyose bibabeye ngombwa.
Kugirango inama rusange kuburyo bwemewe n'amategeko, hagomba 2/3 by'abagize umuryango. Iyo batabonetse hatumizwa indi nama mu gihe kitarenze ukwezi ababonetse bose bagakora indi nama.

Ingingo ya 20:

Inama rusange itumizwa kandi ikayoborwa na perezida. Iyo atabonetse itumizwa kandi ikayoborwa na visi perezida.

Ingingo ya 21.

Inama rusange ifata ibyemezo kubwiganze bwa 2/3 by'abayigize.

Ingingo ya 22:

Inama y'ubuyobozi igizwe na:

- Perezidente
- Vise-perezidente
- Umunyamabanga
- Umubitsi
- Abajyanama babiri

Ingingo ya 23:

Abagize inama y'ubuyobozi batorwa n'abagize inama rusange, bamanika amaboko cg bakandika. Manda yabo ni imyaka 2. Bashobora kwongera kwiyamamaza.

Ingingo ya 24:

Inama y'ubuyobozi ishinzwe:

-Imicungire ya buri munsi y'ishyirahamwe.
-Gufata ibyemezo byose by'ishyirahamwe uretse ibifatwa n'inama rusange.
-Kwiga imishinga y'ishyirahamwe.
-Guhagararira no kumenyekanisha ishyirahamwe.
-Gutegura inama rusange no gushyira mu bikorwa imyanzuro yayo.
-Gutegura umushinga w'igena mutungo no kuwushyikiriza inama rusange.

Ingingo ya 25 :

Inama y'ubuyobozi iterana rimwe mu kwezi, n'igihe cyose bibayengombwa.

Ingingo ya 26:

Inama y'ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwiganze bwa kimwe cya kabiri wongeyeho rimwe by'abaje mu nama.

Ingingo ya 27:

Inama y'ubuyobozi itumizwa kandi ikayoborwa na perezida wayo. Iyo perezida adashoboye kuboneka, itumizwa kandi ikayoborwa na visi-perezida.

Ingingo ya 28:

Inama y'ubugenzuzi:
Inama y'ubugenzuzi igizwe n'abagenzuzi batatu bitoramo umugenzuzi mukuru n'umugenzuzi wungirije

Ingingo ya 29:

Inama y'ubugenzuzi ishinzwe:
-Kureba niba umutungo w'ishyirahamwe ukoreshwa uko bikwiriye
-Gushyikiriza raporo inama rusange inyujijwe kuri perezida w'ishyirahamwe.

Ingingo ya 30:

Inama y'ubugenzuzi iterana rimwe mu mezi atatu, n'igihe cyose bibaye ngombwa

Ingingo ya 31:

Inama y'ubugenzuzi itumizwa kandi ikayoborwa n'umugenzuzi mukuru.

Ingingo ya 32:

Inama y'ubugenzuzi ishyirwaho kandi igakurwaho n'inama rusange.

IV UMUTUNGO W'ISHYIRAHAMWE

Ingingo ya 33:

Umutungo w'ishyirahamwe ukomoka:
-Ku imisanzu y'abanyamuryango.
-Ku impano z'abagiraneza cyangwa imirage
-Mu bikorwa binyuranye by'ishyirahamwe
-Ku umutungo bwite w'ishyirahamwe.

V INGINGO ZISOZA.

Ingingo ya 34:

Inama rusange niyo yonyine ifite ububasha bwo guhindura amategeko n'amabwiriza by'ishyirahamwe.

Ingingo ya 35:

Inama rusange niyo yonyine ifite ububasha bwo gusesa ishyirahamwe, kubwiganze bwa 3/4 by'abateraniye mu nama rusange yatumirijwe icyo.

Ingingo ya 36:

Iyo hemejwe ko ishyirahamwe riseswa, umutungo waryo ushobora gusaranganwa, ukagabanywa abanyamuryango shingiro n'abanyamuryango basanzwe. Umutungo udashoboye gusaranganywa, wegurirwa irindi shyirahamwe rihuje intego na AFERWAR-DUTERIMBERE. Iyo ntarindi shyirahamwe ribonetse, inteko rusange yafashe icyemezo gisesa ishyirahamwe igena uko bigenda.

Ingingo ya 37:

Inama y'ubuyobozi niyo ifite ububasha bwo gukemura impaka zivutse mu ishyirahamwe. Iyo bidashobotse, inama y'ubuyobozi ibishyikiriza inama rusange kuko ariyo ifata ibyemezo byanyuma.

Ingingo ya 38:

Habonetse ikibazo kidateganywa n'ayamategeko, inama y'ubuyobozi ifata icyemezo cy'agateganyo mu igihe hategerejwe inama rusange.

Ingingo ya 39:

Ibyaba bitagaragara muri aya mategeko ngenga y'ishyirahamwe bizashyirwa mu mategeko y'umwihariko (ROI) y'ishyirahamwe.

Ingingo ya 40:

Ayamategeko namara kwemezwa n'inama rusange azashyirwa mubikorwa ku munsi perezida w'ishyirahamwe azashyiraho umukono.

Bikorewe i WALIKALE le 11 / 01/ 2015.

Présidente Racy NYINAWANSHUTI